ABANA BA PARUWASI YA KINUNU BASUYE ABO MURI PARUWASI YA BIRUYI

Kuri uyu wa Gatandatu, tariki 2 Gashyantare 2019 kugeza ku Cyumweru, tariki 3 Gashyantare 2019, abana bo muri Paruwasi ya Kinunu, baherekejwe na Fratri Placide NDAYISHIMIYE n'abarezi babo, basuye abana bo muri Paruwasi ya Biruyi. Ni urugendo rwitabiriwe n'abana n'abarezi babaherekeje bagera ku 150, baturutse muri Santrali eshatu zigize Paruwasi ya Kinunu (Remera, Syiki na Murama).

Ifuni ibagara ubucuti ni akarenge

Nibyo koko abanyarwanda babivuze ukuri : « Ifuni ibagara ubucuti ni akarenge. » Umubano mwiza uranga abana ba Paruwasi zombi si uwa none. Vuba aha, umwaka ushize wa 2018, mu kwezi kwa Nyakanga, abana bo muri Paruwasi ya Biruyi bari basuye abo muri Paruwasi ya Kinunu, bahurira muri Santrali ya Syiki. Ni uruzinduko rwaranzwe n'isengesho, imyidagaduro, ubusabane no kurema ubucuti n'ubuvandimwe.
Ku wa Gatandatu, tariki 7 Nyakanga 2018, abana bo mu Biruyi bagishyika muri santrali ya Syiki, imyidagaduro no kumenyana byatangiye ubwo. Nibwo bakinnye umukino w'umupira w'amaguru, waje kurangira amakipe yombi anganyije ubusa ku busa. Ku cyumweru, tariki 8 Nyakanga 2018, abana bose bahuriye mu Gitambo cy'Ukaristiya cyatuwe na Padiri Vincent NSENGIYAREMYE ; abana bo mu Biruyi bararirimba, baranahereza. Nyuma ya Misa, hakurikiyeho ibiganiro, imbyino n' ubusabane hagati y'abana ba paruwasi zombi. Maze mu masaha ya nyuma ya saa sita, abana bo mu Biruyi bafata urugendo, basubira imuhira amahoro, gusa ubona ko bashakaga kwigumira i Kinunu.

Akebo kajya i wa mugarura

Nyuma y'umubano n'ubucuti bizira amakemwa byari bimaze kwirema hagati y'abana ba Paruwasi ya Biruyi n'aba Kinunu, igihe gikwiye cyari kigeze ngo ibikorwa by'urukundo bikomeze bishimangirwe kandi bisangizwe n'abandi. Nibwo kuri uyu wa Gatandatu, tariki 2 Gashyantare 2019, mu masaha ya mugitondo, abana n'abarezi babaherekeje bo muri Paruwasi ya Kinunu, bafashe urugendo berekeza iwabo w'inshuti nyanshuti zabo. Nyuma y'amasaha atandatu, ku baturutse kure n'amasaha abiri n'igice kubaturutse hafi, saa munani n'igice, abana n'abarezi babaherekeje bari bashyitse mu marembo ya Paruwasi nziza ya Biruyi, bakirwa n'imbyino zinyuranye z'abana ba Biruyi bari baje kubasanganira.
Nyuma y'umudiho unogeye amaso, saa cyenda, abana bakomereje imyidagaduro ku kibuga cy'umupira w'amaguru cya Biruyi. Maze abana ba

paruwasi zombi binjira ikibuga, bakina umupira warebwe na benshi kandi ugashimisha benshi kubera ishyaka, amacenga n'amashoti y'abana batoya, bagaragazaga ko biteguye koko. Umukino waje kurangira abana ba Paruwasi ya Kinunu batsinze aba Paruwasi ya Biruyi ibitego bibiri kuri kimwe (2-1). Maze imbyino z'insinzi ku bana b'i Kinunu ziba nyinshi cyane.
Ku Cyumweru, tariki 3 Gashantare 2019, saa moya, abana bazindukiye mu Gitambo cy'Ukaristiya cyatuwe na Padiri Gabriel UWINEZA ari kumwe na Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Biruyi, Padiri Noheli. Ni Misa yaririmbwe, ikanaherezwa n'abana ba Paruwasi ya Kinunu. Nyuma ya Misa, hakurikiyeho ibiganiro, imyidagaduro n'ubusabane hagati y'abana n'abarezi ba Paruwasi zombi. Cyakora kubera ko akaryoshye kadahora mu itama, igihe kigeze, abana b'i Kinunu bahawe akabando, baherekezwa mu mbyino nziza, ariko ubona ko amatage ari amatindi koko kandi ko atera amatama gutoha. Gusa cya cyizere, kimwe kitaraza amasinde gihamiriza abari aho ko bazasubira, nuko basezeranaho mu marira y'ibyishimo n'imvamutima nyinshi utabona uko usobanura.

Ubukristu bugaragarira mu bikorwa by'urukundo

"*Urukundo mu bikorwa cyane cyane iby'impuhwe*", ni umurongo w'ubutumwa waziye igihe kandi ureba ibyiciro byose by'abakristu. Mu bikorwa byinshi by'urukundo biri gukorwa mu matsinda y'abana (Gusura abarwayi, gufasha abatishoboye: gutahiriza udukwi abakecuru n'abasaza, kubavomera amazi, kubamesera, kubakuburira, kubafasha kubona ubwatsi n' icyarire by'inka, guhingira no kubagarira abatishoboye, gushakira ibikoresho abana bakennye n'ibindi), twasanze no gusurana hagati y'abana bifasha gushimangira uru rukundo duhamagariwe gushyira mu bikorwa. Gusurana ni igikorwa cy'urukundo gifasha abana kumenyana, gusabana, kugaragaza ibyo bashoboye n'impano bafite. Ni igikorwa kibatoza kubana no kwakirana. Byongeye kandi,"kubaho ni ukubana" nk'uko abanyarwanda babivuze. Mu gusurana, abana barushaho gukura no kunguka ubwenge banogeye Imana n'abantu rwose.

Yezu ati: "Ibyo mwagiriye umwe muri bariya bavandimwe banjye baciye bugufi ninjye mwabaga mubigiriye." Tuboneyeho gushimira buri wese witanga uko ashoboye, yifuzako Kiliziya y'ejo n'igihugu cyacu byagira abana beza, bafite intego, bitanga kandi bakitangira abandi, abana b'abakristu nyabo kandi b'abanyarwanda byuzuye, abana banogeye Imana n'abantu. Aba bose tubasabiye umugisha ku Mana kandi Imana izabahembere ibyo bakora, bateza imbere abana kuri roho no ku mubiri; maze koko roho nzima igatura mu mubiri muzima. Umubyeyi Bikiramariya, Nyina wa Jambo ajye ahora abavuganira ku Mana.

Bikorewe i Kinunu, kuwa 5 Gashyantare 2019, ku munsi mukuru wa Mutagatifu Agata

Placide NDAYISHIMIYE, Umufratri uri kwimenyereza ubutumwa muri Paruwasi ya Kinunu.